**CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA**
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

## ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'IGIHEMBWE CYA MBERE Y'ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI TARIKI 10-13 WERURWE 2020

Kuva tariki ya 10 kugeza ku ya 13 Werurwe 2020, i Kigali ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda hateraniye inama yabo isanzwe y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2020. Yari iyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamba, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Mu ijambo ritangiza imirimo y'inama yatangaje imirongo migari iyo nama yagombaga kwibandaho, uw'ibanze ukaba uwo gusuzuma raporo z'ibikorwa bihuriweho na diyosezi yose no kuganira ku ngingo zinyuranye zirebana n'iyogezabutumwa muri rusange.

Abepiskopi bakomeje bategа amatwi ijambo rya Nyiricyubahiro Musenyeri Andrzej Józwowicz, Intumwa ya Papa mu Rwanda. Yamenyesheje bagenzi be ko ubuyobozi bwa Vatikani bwishimira umubano mwiza n'ubufanye buyihuza na Leta y'u Rwanda birimo ubushake bwo kuzagera ku mikoranire ishingiye ku masezerano hagati y'impande zombi. Mu ijambo rye kandi yibukije ko ku wa Gatanu Mutagatifu muri Kiliziya ku isi yose hatangwa inkunga yo kwita ku bikorwa biri ku Butaka Butagatifu, kimwe n'uko ku wa 29 Kamena hatangwa ituro rya Papa.

Abepiskopi bafashe umwanya wo gusangira amakuru y'ubutumwa agizwe n'ibikorwa bitandukanye by'iyogezabutumwa byabereye muri za Diyosezi zose muri iki gihembwe gishize.

Iyi nama yaranzwe no gutega amatwi no kungurana ibitekerezo kuri raporo zitandukanye ku byakozwe na za komisiyo na serivisi zihuriweho na diyosezi zose mu mwaka wa 2019. Ubunyamabanga bukuru bw'Inama y'Abepiskopi bwabimburiye abandi bumurika raporo y'ubutumwa bwasohoje mu mwaka ushize, bukurikirwa na Serivisi ishinzwe kongerera ubushobozi inzego za Kiliziya. Hatanzwe kandi raporo ya komisiyo y'ubutabera n'amahoro (CEJP) n'iya Karitasi Rwanda, iy'Iyogezabutumwa mu mashuri (SNEC) n'iya Gatigisimu (BNC). Komisiyo y'iyogezabutumwa bw'Abalayiki (CEAL)



Avsig

, 0

n'iy'urubyiruko (CEPJ), iy'umuryango na Serivisi y'ubusugire bw'ingo (SNAF) n'iy'ibikorwa byo kunganira iyogezabutumwa ku isi (OPM) na zo zamuritse umusaruro wazo mu mwaka wa 2019. Hatanzwe nanone raporo z'ubutumwa bw'urukiko rwa Kiliziya (TECIR), iya Radio Maria Rwanda n'iya Kinyamateka. Nyuma yo kwakira izo raporo zose no kuzunguranaho ibitekerezo basanze ubutumwa bw'umwaka wa 2019 bwaragenze neza kandi hari amahirwe yo kubasha kubunoza kurushaho. Abepisikopi baboneyeho kwemeza ibi bikurikira:

- Kugena no guha abanyamabanga Komisiyo ishinzwe imibanire n'andi madini ya gikristu, ishinzwe iyogezabutumwa rusange no kubyutsa komisiyo yita ku bimukira n'impunzi.
- Kinyamateka ni ikinyamakuru cya mbere mu Rwanda cyifashishwa mu iyogezabutumwa gatolika. Kubera iyo mpamvu kigomba kumvikana no kumenyekana muri ubwo buryo imbere y'abakristu n'abatari bo, imbere y'amategeko n'abafatanyabikorwa.
- Ishuri ritegura abakateshisti rya Nkumba rigomba guhuza amasomo ritanga n'ibikenewe mu mashuri abanza, muri za Paruwasi na Santarali rikanagena gahunda yo mu biruhuko yatuma abafite ingo n'abarimu basanzwe bahugurirwa kwigisha iyobokamana banogewe kandi bitabangamiye inshingano basanganywe.
- Iyogezabutumwa ry'umuryango rigomba kwitabwaho cyane; Paruwasi nizigire umwete mu gushyiraho abafasha b'ingo.

Nyuma y'izo raporo Abepisikopi basuzumye izindi ngingo zirebana n'iyogezabutumwa muri rusange banazifataho iyi myanzuro:

- Imyiteguro y'ihuriro ry'Ukaristiya igeze heza ariko igomba kurushaho gusakazwa mu nzego zose no kugaragaza inshingano za buri wese kugira ngo Ihuriro rya mbere ry'Ukaristiya ku rwego rw'igihugu rizabe rihimbaje koko. Iryo huriro ryari riteganyijwe kubera i Kigali kuva ku wa 25 kugeza kuwa 28 Kamena ryimuriwe muri Kanama uyu mwaka kuva tariki ya 28 kugeza ku ya 30. Iminsi ibiri ibanza izarangwa n'ibiganiro kuri Ukaristiya bizajya bitangwa ku gicamunsi naho umunsi wa nyuma uzabe uwo guhimbaza iyo ngabire mu Gitambo cy'Ukaristiya, aho Diyosezi zose zizahagararirwa. Komite ishinzwe gutegura iryo huriro ry'Ukaristiya isabwe kurinoza neza ikazatanga raporo mu nama itaha y'Abepiskopi.
- Itsinda ry'impuguke ryashyiriweho gutegura igitabo "TUGENDERE HAMWE" kizatanga imirongo rusange y'iyogezabutumwa mu Rwanda risabwe gusuzuma neza inyandiko ijyanye n'ubucamanza muri Kiliziya, ikazazanwa mu nama itaha inoze.
- Igitabo gikubiyemo ibisabwa n'ibigomba kwitabwaho mu nzira yo kwakira, kurera ngo gutoza abahamagariwe kuba abapadiri cyaremejwe ku rwego rw'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, hasigaye urwego rw'ibiro bikuru bya Papa bishinzwe iyogezabutumwa ku isi kugira ngo kibone gutangazwa.

Mbere yo gusoza inama yabo, Abepiskopi basuzumye n'izindi ngingo zirebana n'ubuzima bwa Kiliziya:

- Bashimangiye ko imikoranire myiza igaragara hagati ya CARITAS RWANDA na CARITAS za diyosezi, igomba gushyirwa mu nyandiko yabugenewe maze ikazakorerwa ubugororangingo mu nama yabo itaha;
- Iyo mikoranire ya hafi igomba no kugaragara muri Komisiyo y'ubutabera n'amahoro;
- Abepiskopi bemeje ko bazitabira iyimikwa ry'Umwepiskopi mushya wa Diyosezi ya Bururi mu Burundi ku wa 18 Mata 2020, bagakomerezaho inama ibahuza na bagenzi babo b'i Burundi kuva ku wa 19-22 Mata 2020;
- Basuye inyubako y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda iri ku Ruyenzi banishimira aho imirimo igeze.
- Abepiskopi bongeye gusaba abakristu gusenga cyane basabira isi yose yugarijwe n'icyorezo cya koronavirusi kugira ngo Imana itabare abari mu kaga. Baranabibutsa kandi gufatanya n'abandi banyarwanda kwirinda icyo cyorezo bakurikiza amabwiriza bahabwa.

Abepisikopi basoje inama bifurizanya igisibo gitagatifu na Pasika nziza.

Bikorewe i Kigali, ku wa 13/03/2020.

Padiri Martin NIZIGIYIMANA,
Umunyamabanga Mukuru w'Inama
y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
C EP R
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *

✠ Filipo RUKAMBA,
Umwepiskopi wa Butare akaba na
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.